



ITANGAZO

IMPAMVU: Gutangiza ku mugaragaro isinywa ry'amasezerano y'ingurane ku bafite ibikorwa Bizagirwaho ingaruka n'Umushinga wo kubaka Urugomero rw'Amashanyarazi Ruzizi III

Akarere ka Rusizi gafatanyije na Ruzizi III Energy Limited (REL), Sosiyete yashinzwe mu rwego rwo gutegura, kubaka no gukoresha urugomero rwa Ruzizi Gatatu rufite ubushobozi bwa Megawati Magana abiri n'esheshatu (206), banejejwe no kumenyesha abantu bose bafite ubutaka n'imitungo bizagirwaho ingaruka n'ibikorwa byo kubaka urugomero rw'amashanyarazi Ruzizi III ko ibikorwa byo gusinya amasezerano y'ingurane bizatangira ku mugaragaro ku itariki ya 20 Nyakanga 2026.

Iri tangazo rireba abantu bose bafite ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'umushinga bafite ubutaka n'imitungo byabaruwe kandi bigahabwa agaciro mu gikorwa cyakozwe muri Nzeri 2025, ndetse amazina yabo akaba agaragara ku rutonde rw'abafite ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'umushinga rwatangajwe nyuma y'itangazwa ry'itariki ntarengwa (Cut-off Date) yo ku wa 08 Kamena 2026.

Isinywa ry'aya masezerano akena ingurane ni intambwe ikomeye iganisha ku itangira ry'igikorwa cyo kwishyura ingurane. Buri wese uzasinya azemererwa kugenzura neza ifishi ye, kwemeza amakuru ayigaragaraho, ingano y'amafaranga y'ingurane ndetse no gusobanura ibindi yakenera mbere yo gusinya.

Gahunda n'Ahazabera ibikorwa byo gusinya amasezerano

Igikorwa cyo gusinya amasezerano kizabera mu Murenge wa Nzahaha na Bugarama yo mu Karere ka Rusizi.

Isinywa rizatangirira mu Murenge wa Nzahaha ku itariki ya 20 Nyakanga 2026, aho itsinda ry'abakozi b'Umushinga rizakorera ku kigo cy'ishuri cya Ruhoko (Groupe Scolaire Ruhoko) mu Kagari ka Murya, kugira ngo rifashe abaturage gusinya amasezerano.

Mu Murenge wa Bugarama, isinywa rizabera ku kigo cy'amashuri cya St Paul (Groupe Scolaire St. Paul). Itariki nyayo yo gutangiriraho muri uwo Murenge izatangazwa nyuma y'iki gikorwa mu murenge wa Nzahaha.

Uko Isinywa Rizakorwa

Mu rwego rwo kugira ngo igikorwa kigenda neza, mu buryo buteguye kandi bworohereza buri wese, abakozi b'Umushinga Ruzizi III Bazajya bahamagara buri muntu ugomba gusinya nibura iminsi itatu mbere y'itariki yagenwe uwahamagawe azasinyiraho. Ibi bizafasha gutegura neza gahunda, kugabanya igihe cyo gutegereza no kwemeza ko inyandiko zose zisabwa zateguwe mbere y'umunsi wo gusinya.

Ucyitonderwa: Abantu bahamagawe kandi bahawe itariki ni bo bonyine bazitabira ku munsi bagenewe. Buri wese azahamagawe ku munsi wagenwe afiteho gahunda yo gusinya kugira ngo hirindwe umuvundo muri iki gikorwa.

Ibisabwa mu gihe cyo gusinya:

Abantu bose bafite ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'umushinga baributswa ibi bikurikira:

- ✓ Mu miryango y'abashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko, umugabo n'umugore bashakanye bagomba kuba bahari igihe cyo gusinya amasezerano akena ingurane.





- ✓ Buri muntu uza gusinya agomba kuzana inyandiko zisabwa, zirimo:
 - Indangamuntu.
 - icyemezo cy'ishyingirwa cyangwa icyemezo cy'ubupfakazi
 - icyemezo cy'ubugaragu
 - icyangombwa cy'ubutaka n'izindi nyandiko zose zishobora gusabwa.

Umushinga ukomeje gufasha imiryango itarabona ibyangombwa by'ubutaka kugira ngo iki gikorwa kirangire ku gihe kandi neza.

Kwishyura Ingurane

Ingurane zasinyiwe zitunganywa kandi zishyurwe nyuma y'uko abarebwa n'ibikorwa byo gusinya bose bamaze gusinya amasezerano y'abo y'ingurane.

Uburyo bwo Gutanga Ibibazo, Ibitekerezo n'Ibirego

Ibibazo, ibisobanuro bisabwa, ibitekerezo cyangwa ibirego bishobora gutangwa binyuze muri izi nzira zikurikira:

- ✓ Ibiro by'Umushinga wa REL biherereye mu Kagari ka Nyange, Umurenge wa Bugarama.
- ✓ Agasanduku k'ibitekerezo kari:
 - Ku biro by'Akagari ka Murya;
 - Ku biro by'Akagari ka Nyange;
 - Ku biro by'Umurenge wa Bugarama;
 - Ku biro by'Umurenge wa Nzahaha.
- Imeyili: ESIA@ruzizienergy.com
- Telephone: 0795 588 727 (REL)

Akarere ka Rusizi na Ruzizi III Energy Limited (REL) bikomeje kwiyezwa ko igikorwa cyo kubona ubutaka no kwishyura ingurane kizakorwa mu buryo burangwa n'ubunyangamugayo, ubutabera, ubwisanzure no kubahiriza uburenganzira bw'abafite ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'umushinga, hakurikijwe amategeko akurikizwa mu Repubulika y'u Rwanda ndetse n'amahame mpuzamahanga abigenga.

SINDAYIHEBA Phanuel
Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi

Mohsin Tahir
Umuyobozi w'Umushinga (Project Director)
Ruzizi III Energy Limited

